








Ibitoki bya nyogokuru

-  Ursula Nafula
-  Catherine Groenewald
-  Patrick Munyurangabo
-  4
-  Ikinyarwanda rw



Umurima wa nyogokuru wari mwiza, wuzuye amasaka, uburo, n'imyumbati. Ariko ibyiza kurushaho byari ibitoki. Nubwo nyogokuru yararafite abuzukuru benshi, mwibanga narinziko ndi umutoneshwa we. Yantumiraga kenshi munzu ye. Kandi yabwiraga amabanga mato. Ariko hari ibanga rimwe atigeze ansangiza: aho yataraga ibitoki.



Umunsi umwe nabonye igitebo giteretse kuzuba hanze y'inzu ya nyogokuru. Mubajije icyo aricyo, igisubizo cyonyine yampaye ni, "Ni igisabo cya maje." Iruhande rw'igisabo. Hari amakoma menshi nyogokuru yuburaga igihe kimwe na kimwe. Narinfite amatsiko. "Aya makoma ni ayiki, nyogoku?" narabajije. Igisubizo cyonyine nabonye ni. "Ni amakoma ya maje zange."



Narinshishikajwe cyane no kureba nyogokuru, ibitoki, amakoma niigisabo. Ariko nyogokuru yanyohereje gufasha mama, “Nyogoku, mbabarira, undeke ndebe uri gutegura...” “Ntiwinangire, mwana, kora nkuko ubwiwe,” arahatiriza. Ngenda nirukanka.




Ngarutse, nyogokuru yari yicaye hanze ariko nta gisabo ntan'ibitoki. "Nyogoku igisabo kirihe, ibitoki biri he, na..." Ariko igisubizo cyonyine nabonye ni, "Biri ahantu ha maji zange." Nari nteguhwe!




Iminsi ibiri ishize, nyogokuru yantumye gushaka akabando ke mu icyumba. Nkimara gufungura umuryango, nakiriwe n'impumuro ikomeye y'imineke. Mu icyumba mo imbere niho hari igisabo cya maji cya nyogokuru. Cyari gihijwe neza n'ikirangiti gishaje. Naragitwikuruye nihumereza iyo mpumuro nziza.



Ijwi rya nyogokuru ryarankanze ubwo yahamagaraga, “Uri gukora iki? Ihute unzanire akabando.” Narihuze nsohokana akabando ke. “Uri gusetswa n’iki?” Nyogokuru yarabajije. Ikibazo cyeye cyanteye kumenya ko narinkiri guseka kubera kuvumbura ahantu ha maji he.



Umunsi ukurikiye ho ubwo nyogokuru yari yaje gusura mama, nirukankiye munzu ye kureba imineke rimwe nanone. Hari imineke ihiye cyane myinshi. Nafashe umwe ndawuhisha mu ikanzu yange. Ndangije gupfundikira igisabo neza nanone, nagiye inyuma y'inzu ndawurya byihuse. Wari umuneke uryoshye cyane nigeze rya.



Umunsi ukurikiyeho, ubwo nyogokuru yari mu murima asoroma imboga, ninjiye mo nitegereza imineke. Hafi yayose yari yahiye. Sinashoboraga kwihanganira gufata myinshi ine. Ubwo nagenderaga kumano nsanga urugi, nunvishe nyogokuru akorora hanze. Nabashije guhisha imineke munsi y'ikanzu yange namucaho.



Umunsi ukurikiyeho wari umunsi w'isoko.
Nyogokuru yarazindutse kare. Buri gihe yajyanaga
imineke ihiye n'imyumbati ku isoko. Sinigeze
nihutira kumusura uwo munsi. Ariko sinashoboraga
kumwihisha igihe kire kire.



Kuri uwo mugoroba nahamagawe na mama na dada, na nyogokuru. Narinzi impanvu. Iryo joro ubwo narambararaga kuryama, narinziko ntashobora kuzongera kwiba, kuri nyogokuru, ababyeyi bange, bidasubirwaho kuri buri muntu uwo ariwe wese.




Global Storybooks

globalstorybooks.net

Ibitoki bya nyogokuru

 Ursula Nafula

 Catherine Groenewald

 Patrick Munyurangabo

